à l'attention de M. Antoine ANFRE

CONSTITUTION DE LA REPUBLIQUE RWANDAISE.

ITEGEKO-NSHINGA RYA REPUBULIKA Y'U RWANDA.

NOUS, HABYARIMANA Juvénal, PRESIDENT DE LA REPUBLIQUE,

TWEBWE, HABYARIMANA Yuvenali, PEREZIDA WA REPUBULIKA,

Vu l'adoption de la Constitution de la République Rwandaise en date du 30 Mai 1991 ;

Tumaze kubona ko Itegeko-Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryemewe kuwa 30 Gicurasi 1991 ;

SANCTIONNONS LA LOI FONDAMENTALE DE LA REPUBLIQUE RWANDAISE DONT LA TENEUR SUIT :

TWEMEJE ITEGEKO-NSHINGA RYA REPUBULIKA Y'U RWANDA RIKURIKIRA :

PREAMBULE.

IRANGA-NSHINGIRO.

Le Conseil National de Développement, Réuni en Assemblée Constituante le 30ème jour du mois de Mai 1991 ;

Inama y'Igihugu Iharamira Amajyambere, Iteraniye mu nteko ishyiraho Itegeko-Nshinga ku munsi wa 30 ukwezi kwa Gicurasi 1991 ;

Mettant sa confiance en Dieu Tout-Puissant ;

Yiringiye Imana Ishobora byose ;

Considérant l'oeuvre de libération du peuple rwandais acquise par la révolution

Yitegereje ukwibohora kw'abanyarwanda bazaniwe na Revolisiyo yo mu w'i 1959,

.../...

sociale de 1959 et soucieux de la défense de la forme républicaine de l'Etat issue de la volonté populaire du 28 janvier 1961 et confirmée par le référendum du 25 Septembre 1961 ;

Décidé à sauvegarder l'indépendance nationale recouvrée le 1 juillet 1962 ainsi que les acquis de la révolution morale du 5 juillet 1973 ;

Fidèle aux principes démocratiques et soucieux d'assurer la protection de la personne humaine et de promouvoir le respect des libertés fondamentales, conformément à la Déclaration Universelle des Droits de l'Homme et à la Charte Africaine des Droits de l'Homme et des Peuples ;

kandi iharanira ubusugire bw'ubutegetsi bushingiye kuri repubulika nk'uko bwagenwe na rubanda kuwa 28 Mutarama 1961, bukemezwa na Kamarampaka kuwa 25 Nzeri 1961 ;

Yiyemeje guharanira iteka ubwigenge bw'igihugu cyasubiranye ku itariki ya 1 Nyakanga 1962, kimwe no kubumbatira ibyiza byazanywe na revolisiyo mvugururamuco yo kuwa 5 Nyakanga 1973 ;

Ikurikije amahame ya Demokarasi kandi ishishikariye kurengera ikiremwamuntu no gushyigikira ubwigenge bw'iremezo bikubiye mu Itangazo rusange ry'ibihugu ryemeza uburenganzira bwa buri muntu no mu Mahame y'Afurika yerekeye Uburenganzira bw'Ikiremwa-muntu n'ubw'Abaturage ;

.../...

Désireux d'adapter aux réalités nationales les principes constitutionnels établis le 24 novembre 1962 et le 20 décembre 1978 et de sauvegarder les acquis de la Nation en vue du renforcement de la démocratie ;

Convaincu de l'impératif de réaliser de manière effective l'unité nationale, la paix, la justice sociale et le respect de la personne humaine basés sur la liberté, l'égalité et la fraternité de tous les membres de la communauté rwandaise ;

Décidé à garantir aux générations présentes et futures les bienfaits de la liberté, de la prosperité et de l'épanouissement de chaque individu ;

Décidé à poursuivre les efforts pour la construction et la prospérité du pays ;

Yifuje guhuza n'igiho Igihugu kigezemo amahano yashyizweho n'Itegeko-Nshinga ryo kuwa 24 Ugushyingo 1962 n'iryo kuwa 20 Ukuboza 1978, no kurengera ibyiza Igihugu cyigejejeho kugira ngo Demokarasi itere imbere ;

Imaze kwiyumvisha ko ari ngombwa kugera ku buryo buhamye ku bumwe bw'igihugu, amahoro, ubutabera no kubaha ikiremwa-muntu bishingiye ku bwigenge, ku budasumbana no ku buvandimwe bw'Abanyarwanda bose ;

Yiyemeje kwishingira kugeza kubariho kuri ubu n'abazabakurikira ibyiza bikomoka ku bwigenge, ku mukiro n'umudendezo wa buri muntu ;

Yiyemeje gukomeza umurego mu kubaka no guteza imbere igihugu ;

.../...

Résolu à contribuer au maintien de la coexistence pacifique entre les Nations, au renforcement de la Coopération entre les Peuples et à l'édification de l'Unité africaine ;

Yiyemeje kubumbatira imibanire y'ibihugu mu mahoro, gushimangira ubutwererane hagati y'ibihugu no guharanira ubumwe bw'Afurika ;

Revu la constitution du 20 Décembre 1978 conformément à son article 91 ;

Isubiye ku Itegeko-Nshinga ryo kuwa 20 Ukuboza 1978 hakurikijwe ingingo yaryo ya 91 ;

Etablit et Adopte la Présente Constitution pour la République Rwandaise :

Ishyizeho kandi yemeje iri Tegeko-Nshinga rya Repuburika y'u Rwanda :

TITRE PREMIER:

DE LA REPUBLIQUE.

Article premier.

Le Rwanda est une République démocratique, sociale et souveraine qui prend le nom de "République Rwandaise".

Son principe est: "Gouvernement du peuple, par le peuple, pour le peuple".

Article 2.

La monarchie est abolie et ne peut être restaurée.

Article 3.

Le drapeau national est formé, à partir de la hampe, des couleurs rouge, jaune et verte, la bande jaune portant au milieu la lettre R de couleur noire.

La devise de la République est "Liberté, Coopération, Progrès".

INTERURO YA MBERE:

IBYEREKEYE REPUBULIKA.

Ingingo ya mbere.

U Rwanda ni Repubulika ishingiye ku butegetsi bwa demokarasi, igemije guteza imbere abaturage kandi yigenga, ikitwa "Repubulika y'u Rwanda".

Ishingiro ryayo ni: "Ubutegetsi bw'abaturage, butangwa n'abaturage, bukorera abaturage".

Ingingo ya 2.

Ubutegetsi bwa cyami buraciwe kandi ntibushobora gusubizwaho.

Ingingo ya 3.

Ibendera ry'Igihugu rigizwe, uhereye ku rujishiro, n'ibara ry'umutuku, iry'umuhondo n'iry'icyatsi kibisi, hagati y'ibara ry'umuhondo hari inyuguti R yirabura.

Ikiranga-ntego cya Repubulika y'u Rwanda ni: "Ubwigenge, Ubufatanye, Amajyambere".

.../...

Le sceau de la République est formé des idéogrammes de la colombe et de l'olivier, de la houe et de la serpette, de l'arc et de la flèche, symbolisant respectivement la paix, le travail et la défense des libertés démocratiques, ainsi que de l'inscription du nom et de la devise de la République, l'ensemble s'inscrivant sur deux drapeaux aux couleurs nationales et placés en opposition.

L'hymne national est déterminé par la loi.

Article 4.

La langue nationale est le kinyarwanda. Les langues officielles sont le kinyarwanda et le français.

Article 5.

La nationalité rwandaise et les conditions de la naturalisation sont définies par la loi.

Ikirango cya Repubulika kigizwe n'ibishushanyo by'inuma n'umuzeti, isuka n'umuhoro, umuheto n'umwambi bivuga uko bikurikirana, amahoro, umurimo no kurwanira ubwigenge bushingiye kuri demokarasi, n'inyandiko y'izina n'iy'ikiranga-ntego bya Repubulika, ibyo byose biri ku mabendera y'u Rwanda abiri ateganye.

Indirimbo yubahirize Igihugu ishyirwaho n'itegeko.

Ingingo ya 4.

Ururimi rw'Igihugu ni ikinyarwanda. Indimi zikoreshwa mu butegetsi ni ikinyarwanda n'igifaransa.

Ingingo ya 5.

Ubwenegihugu bw'u Rwanda n'ibigomba gushingirwaho mu kwemererwa ubwenegihugu bigenwa n'itegeko.

.../...

Article 6.

Tout pouvoir émane de la Nation.

La souveraineté nationale appartient au peuple rwandais qui l'exerce par ses représentants ou par la voie du référendum.

Article 7.

Les partis politiques remplissant les conditions légales concourent à l'expression du suffrage. Ils se forment et exercent leurs activités librement à condition de respecter les principes démocratiques et de ne pas porter atteinte à la forme républicaine de l'Etat, à l'intégrité du territoire national et à la sécurité de l'Etat.

Article 8.

Le suffrage est toujours universel, égal et secret; il peut être direct ou indirect.

Ingingo ya 6.

Ubutegetsi bwose bukomoka ku baturage.

Ubutegetsi bw'Igihugu ni ubw'abanyarwanda, bukoreshwa n'ababahagarariye cyangwa nabo ubwabo, mu itora rya referendum.

Ingingo ya 7.

Amashyaka ya Politiki yujuje ibyangombwa biteganywa n'amategeko ashobora gupiganwa mu matora. Amashyaka ashyirwaho nta nkomyi, akagira ubwigenge busesuye mu mikorere yayo, ariko akubahiriza buri gihe amatwara ya Demokarasi, ubutegetsi bwa Repubulika, akirinda gutubya ubutaka bw'Igihugu no guhungabanya umutekano wacyo.

Ingingo ya 8.

Itora, igihe cyose, rikorwa n'abaturage, nta jwi risumbye irindi, kandi rikorerwa mu ibanga; rishobora gukorwa ku buryo butaziguye cyangwa buziguye.

.../...

Article 9.

Sont électeurs, dans les conditions déterminées par la loi, tous les citoyens rwandais majeurs ne se trouvant pas dans l'un des cas d'exclusion prévus par la loi.

Ingingo ya 9.

Ku buryo bwemejwe n'itegeko ry'itora, hatora abanyarwanda bose bakuru batazitiwe n'imwe mu miziro iteganijwe n'itegeko.

Article 10.

La loi détermine les conditions et les modalités de la consultation populaire.

Ingingo ya 10.

Itegeko rigena ibigomba gukurikizwa mu itora n'uburyo rikorwa.

Article 11.

La République est divisée en préfectures, dotées de la personnalité juridique. La préfecture peut être divisée en sous-préfectures.

Chaque préfecture est divisée en communes, dotées de la personnalité juridique.

La loi détermine le nombre, les limites, l'organisation et le fonctionnement des préfectures, des sous-préfectures et des communes.

La capitale de la République est déterminée par la loi.

Ingingo ya 11.

Repubulika igabanijwemo za perefegitura zifite ubuzimagatozi. Perefegitura ishobora kugabanywamo za superefegitura.

Buri perefegitura igabanijwemo za komini zifite ubuzimagatozi.

Itegeko rigena umubare, imbibi, imitunganyirize n'imikorere ya za perefegitura, za superefegitura na za komini.

Umurwa wa Repubulika ushyirwaho n'itegeko.

.../...

TITRE II.

DES LIBERTES PUBLIQUES.

Article 12.

La personne humaine est sacrée.

La liberté de la personne humaine est inviolable; nul ne peut être poursuivi, arrêté, détenu ou condamné, si ce n'est dans les cas prévus par la loi entrée en vigueur avant la commission de l'acte et dans les formes qu'elle prescrit.

Aucune infraction ne peut être punie de peines qui n'étaient pas prévues par la loi avant qu'elle fût commise.

Toute personne est présumée innocente des infractions qui lui sont reprochées tant qu'une condamnation définitive n'est pas intervenue.

INTERURO YA II.

IBYEREKEYE UBWIGENGE BWA BURI MUNTU.

Ingingo ya 12.

Umuntu ni inzirakarengane.

Ubwigenge bwa buri muntu ni indahungabanywa; ntawe ushobora gukurikiranwa, gufatwa, gufungwa cyangwa gucibwa igihano cyeretse iyo biteganijwe mu itegeko ryatangiye gukurikizwa icyaha akurikiranyweho kitarakorwa kandi hakurikijwe uburyo itegeko riteganya.

Nta cyaha gishobora guhanishwa ibihano bitari biteganijwe n'itegeko mbere y'uko gikorwa.

Umuntu wese arebwa nk'umwere ku byaha aregwa, igihe cyose ataracibwa igihano ku buryo budasubirwaho.

.../...

Article 13.

Nul ne peut être soumis à des mesures de sûreté que dans les cas et les formes prévus par la loi, pour des raisons d'ordre public ou de sécurité de l'Etat.

Ingingo ya 13.

Ntawe ushobora gushyirwa mu bugenzurwe uretse gusa mu bihe no ku buryo biteganijwe n'itegeko, ku mpamvu zishingiye ku mudendezo rusange cyangwa ku mutekano by'Igihugu.

Article 14.

La responsabilité pénale est personnelle.
La responsabilité civile est définie par la loi.
La défense est un droit absolu dans tous les états et à tous les degrés de la procédure.

Ingingo ya 14.

Uburyozwacyaha ni gatozi ku wagikoze.
Ubwishyuzwandishyi busobanurwa n'itegeko.
Ukwiregura ni uburenganzira budahugaha mu bihe byose by'iburanisha n'imbere y'inkiko zose.

Article 15.

Le droit d'asile est reconnu dans les conditions définies par la loi.

L'extradition n'est autorisée que dans les limites prévues par la loi.

Ingingo ya 15.

Uburenganzira bwo guhabwa ubuhungiro bwemewe mu buryo buteganijwe n'itegeko.

Kurekurira ikindi gihugu umunyacyaha byemewe gusa igihe bitanyuranije n'itegeko.

.../...

Article 16.

Tous les citoyens sont égaux devant la loi, sans discrimination aucune, notamment, de race, de couleur, d'origine, d'ethnie, de clan, de sexe, d'opinion, de religion ou de position sociale.

Ingingo ya 16.

Abaturage bose barareshya imbere y'itegeko nta tandukanyirizo na rimwe nk'iryaba rishingiye cyane cyane ku bwoko, ku ibara ry'umubiri, ku nkomoko, ku isano muzi, ku nuryango, ku gitsina, ku bitekerezo bigaragajwe, ku idini cyangwa ku misumbanire y'imibereho y'abantu.

Article 17.

Toute forme d'esclavage et de servage est prohibée.

Ingingo ya 17.

Ubuja n'ubuhake ubwo aribwo bwose burabujijwe.

Article 18.

La liberté des cultes et celle de leur exercice public, la liberté de conscience ainsi que la liberté de manifester ses opinions en toute matière sont garanties, sauf la répression des infractions commises à l'occasion de leur exercice.

Ingingo ya 18.

Ubwigenge bwo guhitamo idini umuntu yishakiye n'ubwo kuyikurikiza ku mugaragaro, ubwigenge bw'umutimanama kimwe n'ubwigenge bw'umuntu bwo kugaragaza ibitekerezo afite kuri byose, biremewe; uretse ko ahanirwa ibyaha akoze mu gihe akoresha ubwo bwigenge.

.../...

Article 19.

La liberté d'association est garantie dans les conditions fixées par la loi; l'autorisation préalable ne peut être prescrite.

Ingingo ya 19.

Uburenganzira bwo kwishyira hamwe buremewe, hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko; kubanza kubibonera uruhusa ntibishobora gutegekwa.

Article 20.

La liberté de se rassembler en des réunions paisibles et sans armes est garantie dans les limites fixées par la loi.

L'autorisation préalable ne peut être prescrite que par la loi et uniquement pour les rassemblements en plein air, sur la voie publique ou dans des lieux publics, et pour autant que des raisons de sécurité, de tranquillité ou de salubrité l'exigent.

Ingingo ya 20.

Ubwigenge bwo guteranira mu nama z'ituze kandi nta ntwaro, bwemewe mu gihe bitanyuranije n'itegeko.

Kubanza kubibonera uruhusa ntibishobora gutegekwa keretse igihe biteganijwe n'itegeko kandi biteganywa gusa ku byerekeye amateraniro yo hanze, ayo mu nzira nyabagendwa n'ay'ahantu hadakumira nabwo kandi bitewe n'impamvu zo kurengera umutekano, ituze cyangwa kurinda ubuzima.

Article 21.

Tous les citoyens ont le droit de circuler et de se fixer librement sur le territoire national ainsi que de le quitter et d'y revenir; l'exercice de ce droit ne peut être limité que par la loi pour cause d'ordre public ou de sécurité de l'Etat.

Ingingo ya 21.

Abaturage bose bafite uburenganzira bwo kugenda no gutura aho bashatse mu Gihugu, ubwo kukivamo n'ubwo kukigarukamo; gukoresha ubwo burenganzira bizitirwa n'itegeko ryonyine, ku mpamvu zishingiye ku mudendezo rusange, n'umutekano w'Igihugu.

.../...

Article 22.

Il ne peut être porté aucune atteinte à la vie privée des individus.

Le secret de la correspondance et des communications postales, télégraphiques, téléphoniques ou de toute autre nature est garanti; il ne peut y être apporté de restriction que par la loi.

Le domicile est inviolable. Aucune visite domiciliaire ne peut avoir lieu que dans les cas prévus par la loi et dans les formes qu'elle prescrit.

Article 23.

La propriété privée, individuelle ou collective, est inviolable. Il ne peut y être porté atteinte que pour cause d'utilité publique, dans les cas et de la manière établis par la loi, et moyennant une juste et préalable indemnité.

Ingingo ya 22.

Imibereho y'umuntu ku giti cye nta na rimwe ishobora guhungabanywa.

Ibanga ry'amabaruwa n'iry'ubutumwa bunyujijwe mu maposita, mu matelegaramu, muri za telefoni cyangwa mu bundi buryo bwose riremewe; rishobora kuzitirwa gusa n'itegeko.

Urugo rw'umuntu ntiruvogerwa. Ntawe ushobora kurujyamo nyirarwo atabyemeye kereka mu bihe biteganijwe n'itegeko no mu buryo ribigena.

Ingingo ya 23.

Umutungo w'umuntu ku giti cye cyangwa usangiwe na benshi ntuhungabanywa. Ushobora gusa kwakwa nyirawo igihe Igihugu kiwukeneye, nabwo kandi mu bihe no mu buryo byashyizweho n'itegeko kandi habanje gutangwa indishyi ikwiye.

.../...

Article 24.

La famille, base naturelle de la société rwandaise, est protégée par l'Etat.

Les parents ont le droit et le devoir d'élever leurs enfants.

Article 25.

Seul le mariage monogamique est reconnu, dans les conditions et les formes prévues par la loi.

Les conditions et les formes du divorce sont définies par la loi.

Article 26.

La liberté de l'enseignement est garantie, sauf la répression des infractions commises à l'occasion de son exercice. L'organisation de l'enseignement officiel et libre subsidié ainsi que la reconnaissance des diplômes ou certificats délivrés par l'enseignement privé sont régis par la loi.

Ingingo ya 24.

Umuryango ni umuzikamere w'imbaga y'Abanyarwanda, urengerwa na Leta.

Ababyeyi bafite uburenganzira n'itegeko byo kurera abana babo.

Ingingo ya 25.

Ubushyingiranwe bw'umugabo umwe n'umugore umwe nibwo bwemewe bwonyine hakurikijwe ibiteganijwe n'itegeko n'uburyo bugenwa naryo.

Ibigomba gukurikizwa mu itandukana ry'abashyingiranywe n'uburyo rigerwaho bisobanurwa n'itegeko.

Ingingo ya 26.

Uburenganzira bwo kwigisha buremewe, uretse ko ibyaha bikozwe mu kubukoresha bihanirwa. Ibyerekeye ubwigisha burihirwa na Leta kuri byose cyangwa kuri bimwe, kimwe no kwemera za diplome na za seritifika zitangwa n'ubwigisha bwigenga bigengwa n'itegeko.

.../...

Article 27.

Sous réserve de l'application de l'article 24, alinéa 2, l'enseignement primaire est obligatoire et gratuit, selon les modalités établies par la loi.

Article 28.

Le service national, civil ou militaire, est organisé par la loi.

Article 29.

Le travail forcé extrapénal est prohibé.

Article 30.

Chacun a droit au travail au libre choix de son travail et à des conditions de travail équitables et satisfaisantes.

Ingingo ya 27.

Haseguriwe ibiteganijwe mu ngingo ya 24, igika cya 2, abana bose bategetswe kwiga amashuri abanza kandi batariha, hakurikijwe uburyo buteganywa n'itegeko.

Ingingo ya 28.

Gukorera Igihugu, mu busivili cyangwa mu busilikari, bitunganywa n'itegeko.

Ingingo ya 29.

Uretse ku bafunze, umurimo w'agahato uwo ariwo wose urabujijwe.

Ingingo ya 30.

Buri wese afite uburenganzira bwo gukora, no kwihitiramo umurimo ashaka, no gukoreshwa hubahirijwe ibigomba gukurikizwa ku murimo kugira ngo abakozi barindwe uburyamirane kandi bafatwe neza ku buryo bunoze.

.../...

Article 31.

Tout travailleur peut défendre ses droits par l'action syndicale, sauf la répression des infractions commises à l'occasion de cette action.

Article 32.

Le droit de grève s'exerce dans le cadre des lois qui le régissent; il ne peut porter atteinte à la liberté du travail.

Article 33.

Le pouvoir judiciaire, gardien des droits et des libertés publiques, en assure le respect dans les conditions prévues par la loi.

Ingingo ya 31.

Umukozi wese ashobora kurengera uburenganzira bwe abicishije mu nzira za sendika, uretse ko ibyaha akoze muri icyo gihe abihanirwa.

Ingingo ya 32.

Uburenganzira bw'abakozi bwo guhagarika imirimo bitewe n'ubwivumbure bwabo, ntiburengera ibiteganijwe n'amategeko abugenga, nta na rimwe bushobora guhungabanya ubwigenge ku murimo.

Ingingo ya 33.

Ubutegetsi bw'ubucamanza, bushinzwe kurengera uburenganzira n'ubwigenge bya buri muntu, bubyubahiriza mu buryo buteganijwe n'itegeko.

.../...

TITRE III.

DES POUVOIRS.

Article 34.

La séparation et la collaboration des pouvoirs exécutif, législatif et judiciaire sont consacrées et réglées par la présente Constitution.

CHAPITRE PREMIER.

DU POUVOIR EXECUTIF.

Article 35.

Le pouvoir exécutif est exercé par le Président de la République, assisté du Gouvernement composé du Premier Ministre, des Ministres ou Secrétaires d'Etat.

Article 36.

La loi fixe les indemnités, pensions et autres avantages matériels, afférents aux fonctions présidentielles et ministérielles.

INTERURO YA III.

IBYEREKEYE UBUTEGETSI.

Ingingo ya 34.

Itandukanywa n'ubwuzuzanye by'ubutegetsi nyubahiriza-tegeko, by'ubutegetsi nshinga-tegeko n'iby'ubutegetsi bw'ubucamanza byemejwe nkandi bitunganijwe n'iri Tegeko-Nshinga.

UMUTWE WA MBERE.

IBYEREKEYE UBUTEGETSI NYUBAHIRIZA-TEGEKO.

Ingingo ya 35.

Ubutegetsi Nyubahiriza-Tegeko bushingwe Perezida wa Repubulika, afashijwe na Guverinoma igizwe na Minisitiri w'Intebe, ba Minisitiri cyangwa ba Sekereteri ba Leta.

Ingingo ya 36.

Itegeko rishyiraho indamunite, pansiyo n'ibindi ngombwa ku mirimo ya Perezida, iya ba Minisitiri na ba Sekereteri ba Leta.

.../...

Article 37.

Le Président de la République, le Premier Ministre, les Ministres et Secrétaires d'Etat ne peuvent profiter de leurs fonctions pour acquérir ou aliéner une propriété de l'Etat, ni échanger une propriété personnelle contre une propriété de l'Etat.

Leurs fonctions sont incompatibles avec l'exercice de toute autre activité professionnelle lucrative.

Article 38.

Le Président de la République et, sauf le cas de flagrant délit, le Premier Ministre, les Ministres et les Secrétaires d'Etat ne peuvent être poursuivis ni arrêtés pour crimes ou délits que sur mise en accusation votée par l'Assemblée Nationale à la majorité des 3/4 de ses membres et au scrutin secret.

Ingingo ya 37.

Perezida wa Repubulika, Minisitiri w'Intebe, Abaminisitiri na ba Sekereteri ba Leta ntibashobora kwitwaza imirimo bashinzwe kugira ngo biyegurire cyangwa beguriro undi wese ikintu cyo mu mutungo wa Leta; ntibashobora kandi kugurana ikintu cyo mu mutungo wabo icyo mu mutungo wa Leta.

Imirimo yabo ntibangikana n'umurimo uwo ariwo wose w'umwuga uharanira inyungu.

Ingingo ya 38.

Perezida wa Repubulika, Minisitiri w'Intebe, ba Minisitiri na ba Sekereteri ba Leta, uretse igihe bo bafatiwe mu cyuho, ntibashobora gukurikiranwa cyangwa gufatwa kubera ibyaha by'ubugome cyangwa ibyaha bikomeye batarezwe n'Inteko Ishinga Amategeko byemejwe ku bwiganze bwa 3/4 by'abayigize kandi bikorewe mu ibanga.

.../...

Ils sont justiciables de la Cour de Cassation qui statue, chambres réunies, en premier et dernier ressort.

Ils ne peuvent faire l'objet d'une contrainte par corps qu'avec l'autorisation de l'Assemblée Nationale.

Baburanishwa n'Urukiko Rusesa Imanza, ingereko zarwo ziteranye, rugaca urubanza rurubimbuye kandi ku buryo budasubirwaho.

Ntibashobora gufungwa by'ingwate ra-mubiri bitemewe n'Inteko Ishinga Amategeko.

.../...

SECTION PREMIERE.

DU PRESIDENT DE LA REPUBLIQUE.

Article 39.

Le Président de la République est le Chef de l'Etat.
Il assure, par son arbitrage, le fonctionnement régulier des institutions supérieures de la République ainsi que la continuité de l'Etat.

Il est le garant de l'indépendance et de l'unité nationales ainsi que de l'intégrité du territoire.

Article 40.

Le Président de la République est élu au suffrage universel direct et à la majorité absolue des voix exprimées, selon les modalités prévues par la loi.

ICYICIRO CYA MBERE.

IBYEREKEYE PEREZIDA WA REPUBULIKA.

Ingingo ya 39.

Perezida wa Repubulika niwe Mukuru w'Igihugu.

Akurikirana imikorere n'imibanire y'Inzego Nkuru za Repubulika n'ubusugire bw'Igihugu; havuka impaka akazikemura.

Niwe ushinzwe kubahiriza ubwigenge n'ubumwe bw'Igihugu ndetse n'ubusugire bw'imipaka yacyo.

Ingingo ya 40.

Perezida wa Repubulika atorwa hakurikijwe ubwiganze burunduye bw'amajwi y'abaturage batoye ku buryo butaziguye, hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko.

.../...

Le candidat à la Présidence de la République doit être âgé de trente-cinq ans au moins.

Umukandida wo kuba Perezida wa Repubulika agomba kuba ohamije byibura imyaka mirongo itatu n'itanu y'amavuko.

Le Président de la République est élu pour un mandat de 5 ans.
Il est rééligible. Toutefois, il ne peut exercer plus de deux mandats successifs.

Perezida wa Repubulika atorerwa imyaka itanu.

Ashobora kwongera gutorwa ariko kandi ntashobora gutorwa inshuro zirenze ebyiri yikurikiranya.

La loi détermine les moyens nécessaires à mettre à la disposition des anciens Présidents de la République.

Itegeko riteganya ibyangombwa bigenerwa ababaye ba Perezida ba Repubulika.

Article 41.

Ingingo ya 41.

Avant d'entrer en fonction, le Président de la République prête serment, devant la Cour Constitutionnelle et en présence de l'Assemblée Nationale dans les termes suivants:

Mbere yo gutangira imirimo, Perezida wa Repubulika arahirira imbere y'Urukiko Rurinda Iremezo ry'Itegeko-Nshinga kandi Inteko Ishinga Amategeko ihari, mu magambo akurikira:

.../...

"Moi,..., au Nom du Dieu Tout-Puissant, je jure à la Nation de remplir fidèlement les fonctions qui me sont confiées, de garder fidélité à la République Rwandaise et de promouvoir les intérêts du Peuple Rwandais dans le respect de la Constitution et des lois".

"Njyewe,...., ku izina ry'Imana ishobora byose, ndahiriye Igihugu ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe, ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda kandi ko nzaharanira ibyagirira akamaro abaturage bose nubahiriza Itegeko-Nshinga n'andi mategeko".

Article 42.

Le Président de la République peut démissionner; sa démission est reçue par l'Assemblée Nationale.

En cas d'empêchement ou d'incapacité temporaire d'exprimer sa volonté, le Président de la République est remplacé provisoirement par le Président de l'Assemblée Nationale.

En cas de démission, de décès ou lorsque l'empêchement ou l'incapacité sont déclarés définitifs par la Cour Constitutionnelle saisie par le Gouvernement,

Ingingo ya 42.

Perezida wa Repubulika ashobora kwegura. Ukwegura kwe gushyikirizwa Inteko Ishinga Amategeko.

Mu gihe afite impamvu imubuza cyangwa adashobora kugaragaza igitekerezo cye, Perezida wa Repubulika asigarirwaho na Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko.

Mu gihe yeguye, apfuye cyangwa se iyo impamvu imubuza gukomeza imirimo ye, cyangwa kugaragaza igitekerezo cye yemejwe ko idakuka n'Urukiko Rurinda Iremezo ry'Itegeko-Nshinga rubisabwe na Guverinoma,

.../...

le Président de la République est remplacé par le Président de l'Assemblée Nationale, jusqu'à l'élection du nouveau Président de la République qui doit avoir lieu dans les 90 jours.

Dans les cas cités à l'alinéa précédent, le Premier Ministre, les Ministres et les Secrétaires d'Etat sont réputés démissionnaires et assurent, chacun en ce qui le concerne, l'expédition des affaires courantes jusqu'à la formation du nouveau Gouvernement.

Article 43.

Lorsque le Président de la République et le Président de l'Assemblée Nationale se trouvent simultanément dans l'un des cas prévus à l'article 42, les fonctions de Président de la République sont exercées par le Premier Ministre dans les conditions prévues audit article.

Perezida wa Repubulika asimburwa na Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko kugeza ku itora ry'undi Perezida wa Repubulika rigomba kuba mu minsi 90.

Mu bihe bivugwa mu gika kibanziriza iki, Minisitiri w'Intebe, ba Minisitiri na ba Sekereteri ba Leta baba beguye, ariko bagakomeza gukora imirimo ya ngombwa, buri wese mu byo ashinzwe, kugeza igihe hashyiriweho Guverinoma nshya.

Ingingo ya 43.

Igihe Perezida wa Repubulika na Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko baburiye rimwe bitewe n'imwe mu mpamvu ziteganyijwe mu ngingo ya 42, imirimo ya Perezida wa Repubulika ikorwa na Minisitiri w'Intebe, mu buryo butegenywa n'iyo ngingo.

.../...

Article 44.

Le Président de la République:

1° Nomme le Premier Ministre et met fin à ses fonctions. Sur proposition du 1er Ministre, il nomme les autres membres du Gouvernement et met fin à leurs fonctions,

2° Préside le Conseil des Ministres;

3° Nomme aux emplois judiciaires ainsi qu'aux emplois supérieurs, civils et militaires déterminés par la loi;

4° Nomme, accrédite les ambassadeurs et les envoyés extraordinaires à l'étranger et met fin à leurs fonctions.
Les ambassadeurs et les envoyés extraordinaires sont accrédités auprès de Lui;

5° Représente la République dans ses rapports avec l'étranger;

Ingingo ya 44.

Perezida wa Repubulika;

1° Ashyiraho kandi agakuraho Minisitiri w'Intebe. Abandi bagize Guverinoma bashyirwaho kandi bagakurwaho na We abisabwe na Minisitiri w'Intebe;

2° Ayobora inama y'abaminisitiri;

3° Ashyiraho abakozi b'abacamanza kimwe n'abakozi bo mu nzego nkuru b'abasivili n'abasilikari zigenwa n'itegeko;

4° Ashyiraho, yohereza kandi akuraho intumwa ze n'abavugizi be badasanzwe mu mahanga.

Intumwa z'amahanga ni we zohererezwa;

5° Ahagararira Repubulika mu mibanire yayo n'amahanga;

.../...

6° Négocie, conclut et ratifie tous les traités, conventions et accords internationaux de droit public ou privé et les communique à l'Assemblée Nationale, aussitôt que l'intérêt et la sûreté de l'Etat le permettent. Toutefois, les traités de paix, les traités d'alliance, les traités pouvant entraîner des modifications de frontières du territoire national ou affectant les droits de souveraineté, les traités portant sur l'association de la République avec un ou plusieurs autres Etats, ainsi que les traités, conventions et accords comportant des implications financières non prévues au budget, ne sont exécutoires qu'après leur approbation par une loi. La fédération de la République Rwandaise avec un ou plusieurs autres Etats démocratiques doit être approuvée par la voie d'un référendum;

6° Ategura, asinya kandi akemeza amasezerano yose, ubwemeranye n'ubwumvikane hagati y'u Rwanda n'amahanga, haba mu nzego zigengwa n'amategeko mpuzamahanga akurikizwa mu mibanire y'ibihugu cyangwa imiryango yabyo cyangwa se izigengwa n'amategeko mpuzamahanga akurikizwa mu mibanire y'ibihugu n'abikorera ku giti cyabo, kandi akabimenyesha Inteko Ishinga Amategeko igihe bitakibangamiye inyungu z'Igihugu n'ubusugire bwacyo.
Ariko rero, amasezerano y'amahoro, amasezerano y'umubano, amasezerano ashobora guhindura imbibi z'igihugu cyangwa kugira icyo agabanya ku bwigenge bwacyo, amasezerano yerekeye ukwishyirahamwe k'u Rwanda n'igihugu kimwe cyangwa ibihugu byinshi, kimwe n'amasezerano, ubwemeranye, n'ubwumvikane ashobora kugira ingaruka

.../...

	zidateganyijwe ku ngengo y'imari ntashobora gukurikizwa atabanje kwemezwa n'itegeko. Ukwifatanya k'u Rwanda n'Igihugu kimwe cyangwa byinshi biharanira demokarasi kwemezwa n'Abanyarwanda mu itora rya referendum;
7° Déclare la guerre et signe l'armistice sur autorisation de l'Assemblée Nationale;	7° Yemeza kugaba igitero kandi ashyira umukono ku masezerano ahagarika intambara abiherewe uburenganzira n'Inteko Ishinga Amategeko;
8° Sanctionne et promulgue les lois dans les 8 jours qui suivent le jour de l'arrêt de constitutionnalité;	8° Bitarenze iminsi 8 uhereye ku munsi byemejwe ko atanyuranije n'Itegeko-Nshinga, ashyira umukono ku mategeko akanategeka ko akurikizwa;
9° A le droit d'opposer un veto suspensif aux lois votées par l'Assemblée Nationale. Lorsqu'il exerce ce droit, il doit, dans un délai de 15 jours, renvoyer la loi à l'Assemblée Nationale pour une deuxième lecture.	9° Ashobora guhagarika by'agateganyo amategeko yatowe n'Inteko Ishinga Amategeko. Iyo bigenze bityo, agomba mu minsi itarenga 15, gusubiza itegeko mu Nteko Ishinga Amategeko kugira ngo ryongere risuzumwe.

.../...

Si la loi renvoyée à l'Assemblée Nationale dans le délai prescrit est votée en deuxième lecture et ne fait pas l'objet d'un arrêt d'inconstitutionnalité, elle doit être sanctionnée et promulguée;

Iyo itegeko risubijwe mu Nteko Ishinga Amategeko mu gihe gitegetswe rikemerwa ryizwe bundi bushya, kandi rikaba ritanyuranije n'Itegeko-Nshinga, Perezida wa Repubulika agomba kurishyiraho umukono no gutegeka ko rikurikizwa;

10° Prend les arrêtés nécessaires pour l'exécution des lois, sans pouvoir jamais suspendre les lois elles-mêmes, ni dispenser de leur exécution;

10° Ashyiraho amateka ngombwa yo kubahiriza amategeko, ariko ntashobora na rimwe guhagarika amategeko ubwayo cyangwa kubuza ko akurikizwa;

11° A le droit d'adresser des messages à la Nation et, sans qu'ils puissent donner lieu à débats, à l'Assemblée Nationale;

11° Abwira abaturarwanda ijambo kandi ashobora kugeza ku Nteko Ishinga Amategeko ijambo bitagibwaho impaka;

12° Peut suspendre, pour un délai maximum de 15 jours, les travaux de l'Assemblée Nationale; aucune suspension ne peut, toutefois, être répétée au cours d'une même session;

12° Ashobora guhagarika imirimo y'Inteko Ishinga Amategeko iminsi itarenga 15, ariko ntashobora kubigira kabiri mu gihembwe kimwe;

13° Exerce le droit de grâce;

13° Afite ububasha bwo kugirira imbabazi abahamwe;

14° A le droit de frapper la monnaie;

14° Niwe ushyiraho ifaranga ry'Igihugu;

.../...

Article 45.

Le Président de la République est le Chef Suprême des Forces Armées.

Article 46.

Le Président de la République, veille au respect de la Constitution.

En cas de violation de la Constitution par le Président de la République, sa mise en accusation ne peut être décidée que par l'Assemblée Nationale, statuant à la majorité des 4/5 de ses membres et au scrutin secret.

Le cas échéant, le Président de la République est justiciable de la Cour Constitutionnelle qui est seule compétente pour prononcer sa démission d'office.

Article 47.

Le Président de la République peut, après avis du Gouvernement et de l'Assemblée Nationale, soumettre tout projet de loi ou toute autre question au référendum.

.../...

Ingingo ya 45.

Perezida wa Repubulika ni we Mugaba Mukuru w'Ingabo.

Ingingo ya 46.

Perezida wa Repubulika akurikirana buri gihe iyubahirizwa ry'Itegeko-Nshinga.

Iyo Perezida wa Repubulika yishe Itegeko-Nshinga aregwa n'Inteko Ishinga Amategeko ku bwiganze bwa 4/5 by'abayigize, bikozwe mu ibanga.

Iyo bibaye ngombwa, Perezida wa Repubulika aburanishwa n'Urukiko Rukuru Iremezo ry'Itegeko-Nshinga, ari narwo rwonyine rufite ububasha bwo kwemeza ko avuyeho bitavuguruzwa.

Ingingo ya 47.

Amaze kumva Guverinoma n'Inteko Ishinga Amategeko, Perezida wa Repubulika ashobora kuhyuza umushinga w'itegeko uwo ariwo wose cyangwa ikindi kibazo icyo aricyo cyose mu itora rya referendum.

Article 48.

Le Président de la République peut, lorsque les circonstances l'exigent et après consultation du Gouvernement, de la Cour Constitutionnelle et du bureau de l'Assemblée Nationale, proclamer l'État de siège ou l'état d'urgence. L'État de siège et l'État d'urgence sont régis par la loi.

Lorsque les institutions de la République, l'indépendance ou les intérêts supérieurs de la Nation, l'intégrité de son territoire ou l'exécution de ses engagements internationaux sont ménacés d'une manière grave et imminente et que le fonctionnement régulier des pouvoirs publics est interrompu, le Président de la République prend les mesures exigées par ces circonstances, après consultation du Gouvernement, du bureau de l'Assemblée Nationale et de la Cour Constitutionnelle.

Ingingo ya 48.

Iyo bibaye ngombwa kandi amaze kwumva Guverinoma, Urukiko Rurinda Iremezo ry'Itegeko-Nshinga n'Ibiro by'Inteko Ishinga Amategeko, Perezida wa Repubulika ashobora gushyiraho amategeko adasanzwe y'ibihe by'imidugararo cyangwa y'ibihe bikomeye. Ibihe by'imidugararo n'ibihe bikomeye bigengwa n'Itegeko.

Iyo inzego nkuru za Repubulika, ubwigenge cyangwa inyungu zikomeye z'Igihugu, ubusugire bw'imipaka cyangwa imyubahirize y'amasezerano mpuzamahanga bigiye guhungabana bikabije kandi bidatinze ndetse n'imikorere isanzwe y'ubutegetsi bwa Leta igahagarara, Perezida wa Repubulika afata ibyemezo byose bikwiranye n'ibyo bihe, amaze kumva Guverinoma, Ibiro by'Inteko Ishinga Amategeko n'Urukiko Rurinda Iremezo ry'Itegeko-Nshinga.

.../...

Article 49.

Les actes du Président de la République sont contresignés par le Premier Ministre, ainsi que par les Ministres et Secrétaires d'Etat responsables.

Ingingo ya 49.

Amateka ya Perezida wa Repubulika ashyirwaho umukono na Minisitiri w'Intebe, n'abaminisitiri n'abasekeretéri ba Leta babibazwa.

.../...

SECTION II.

DU GOUVERNEMENT.

Article 50.

Le Gouvernement détermine et conduit la politique de la Nation.

Il dispose de l'administration et de la force armée.
Il est responsable devant l'Assemblée Nationale dans les conditions et suivant les procédures prévues par les articles 81 à 84 de la présente Constitution.

Article 51.

Le Premier Ministre:
1° Présente à l'Assemblée Nationale le programme du Gouvernement et l'équipe Ministérielle chargée de son exécution;

2° Dirige l'action du Gouvernement;

ICYICIRO CYA II.

IBYEREKEYE GUVERINOMA.

Ingingo ya 50.

Guverinoma ishyiraho kandi iyobora Politiki y'Igihugu.

Ikoresha ubutegetsi bw'Igihugu n'Ingabo.

Imikorere yayo iyibazwa n'Inteko Ishinga Amategeko mu buryo buteganyijwe kuva ku ngingo ya 81 kugeza ku ya 84 z'iri Tegeko-Nshinga.

Ingingo ya 51.

Minisitiri w'Intebe:
1° Ashyikiriza Inteko Ishinga Amategeko porogaramu ya Guverinoma n'abaminisitiri bazamufasha kuyirangiza;

2° Ayobora imikorere ya Guverinoma;

.../...

3° Fixe les attributions des Ministres et Secrétaires d'Etat et détermine la nature et la compétence des services placés sous leur autorité. Les Ministres et les Secrétaires d'Etat reçoivent délégation du Premier Ministre pour les affaires relevant de leur département; le Premier Ministre fixe l'étendue de cette délégation;

3° Agenera ba Minisitiri na ba Sekereteri ba Leta imirimo yabo; akerekana imiterere y'ububasha bwa minisiteri bashinzwe. Ba Minisitiri na ba Sekereteri ba Leta ni intumwa za Minisitiri w'Intebe mu mirimo igengwa na minisiteri bashinzwe. Minisitiri w'Intebe niwe uhamya aho ubwo bubasha bugarukira;

4° Sauf dispositions légales ou réglementaires contraires, nomme aux emplois civils et militaires;

4° Haseguriwe amategeko n'amabwiriza anyuranije n'ibi, ashyiraho abakozi b'abasivili n'ab'abasirikare;

5° Peut suppléer le Président de la République pour la présidence d'un Conseil des Ministres en vertu d'une délégation expresse et pour un ordre du jour déterminé;

5° Ashobora gusimbura Perezida wa Repubulika mu kuyobora inama ya ba Minisitiri iyo yabiherewe uburenganzira butaziguye n'umurongo w'ibyigwa ugennye;

6° Contresigne les lois adoptées par l'Assemblée Nationale et promulguées par le Président de la République;

6° Ashyira umukono ku mategeko yemejwe n'Inteko Ishinga Amategeko kandi Perezida wa Repubulika yategetse ko atangira gukurikizwa;

.../...

7° Exécute par voie d'arrêtés les lois et règlements, lorsqu'il en est chargé.

Article 52.

Les actes du Premier Ministre sont contresignés par les Ministres chargés de leur exécution.

Article 53.

Les Ministres et Secrétaires d'Etat exécutent, par voie d'arrêtés, les lois et règlements lorsqu'ils en sont chargés.

Article 54.

Le Premier Ministre, les Ministres et Secrétaires d'Etat sont responsables envers le Président de la République; en outre, ils sont responsables devant l'Assemblée Nationale dans les conditions définies par la présente Constitution.

7° Igihe abishinzwe, yubahiriza amategeko n'amabwiriza akoresheje amateka.

Ingingo ya 52.

Amateka ya Minisitiri w'Intebe ashyirwaho umukono na ba Minisitiri bashinzwe kuyashyira mu bikorwa.

Ingingo ya 53.

Igihe babishinzwe, ba Minisitiri na ba Sekereteri ba Leta bubahiriza amategeko n'amabwiriza, bakoresheje amateka.

Ingingo ya 54.

Minisitiri w'Intebe, ba Minisitiri na ba Sekereteri ba Leta bishingira imirimo yabo imbere ya Perezida wa Repubulika; bafite kandi n'bwishingire bubaharwaho imbere y'Inteko Ishinga Amategeko hakurikijwe uburyo buteganijwe n'iri Tegeko-Nshinga.

.../...

Article 55.

Sur convocation et sous la Présidence du Président de la République, le Conseil des Ministres est obligatoirement consulté sur:

- les projets de lois et de décrets-lois;
- les projets d'arrêtés présidentiels portant exécution des lois ou décrets-lois;
- Les projets d'arrêtés présidentiels relatifs aux emplois supérieurs de l'Etat;
- La dissolution de l'Assemblée Nationale.

Ingingo ya 55.

Ihamagawe kandi iyobowe na Perezida wa Repubulika, Inama y'Abaminisitiri igomba kugishwa inama ku ngingo zikurikira:

- Imishinga y'amategeko n'iy'amategeko-teka;
- imishinga y'amatoka ya Perezida yubahiriza amategeko cyangwa amategeko-teka;
- Imishinga y'amateka ya Perezida yerekeye abakozi ba Leta bo mu nzego nkuru;
- Iseswa ry'Intoko Ishinga Amategeko.

Article 56.

Le Premier Ministre, les Ministres et Secrétaires d'Etat sont solidaires du Président de la République.

Ingingo ya 56.

Minisitiri w'Intebe, ba Minisitiri na ba Sekereteri ba Leta bagendera kuri Perezida wa Repubulika.

.../...

Avant d'entrer en fonction, le Premier Ministre, les Ministres et les Secrétaires d'Etat prêtent serment devant le Président de la République et en présence de l'Assemblée Nationale dans les termes suivants:

"Moi,....., au Nom du Dieu Tout-Puissant, je jure à la Nation de remplir loyalement mes fonctions, de garder fidélité à la République Rwandaise et au Chef de l'Etat et de promouvoir les intérêts du peuple rwandais dans le respect de la Constitution et des lois".

La démission ou la cessation des fonctions du Premier Ministre, pour quelque cause que ce soit, entraîne la démission du Gouvernement.

Mbere yo gutangira imirimo, Minisitiri w'Intebe, ba Minisitiri na ba Sekereteri ba Leta barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika, Inteko Ishinga Amategeko iteranye mu magambo akurikira:

"Jyewe,.....) ku Izina ry'Imana ishobora byose, ndahiriye u Rwanda ko nzatunganya imirimo nshinzwe, ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda n'Umukuru w'Igihugu kandi ko nzaharanira ibyagirira abavuka-rwanda bose akamaro nubahiriza Itegeko-Nshinga n'andi mategeko".

Iyo Minisitiri w'Intebe yeguye cyangwa avuyeho ku mpamvu iyo ariyo yose, bituma na Guverinoma ivaho.

.../...

Chaque Ministre ou Secrétaire d'Etat peut, à titre personnel, présenter sa démission au Président de la République; cette démission n'est définitive que si, dans un délai de 8 jours elle n'est ni retirée ni refusée par le Président de la République.

Buri Minisitiri cyangwa Sekereteri wa Leta, ku giti cye, ashobora kwegura abisabye Perezida wa Repubulika; uko kwegura kuba kwemewe iyo nyirubwite ativuguruje cyangwa se ngo Perezida wa Repubulika amuhakanire mu gihe cy'iminsi munani.

.../...

CHAPITRE II.

DU POUVOIR LEGISLATIF.

Article 57.

Le pouvoir législatif est exercé collectivement par le Président de la République et l'Assemblée Nationale.

SECTION PREMIERE:
DE L'ASSEMBLEE NATIONALE.

Article 58.

L'Assemblée Nationale se compose des membres dénommés "Députés à l'Assemblée Nationale". Les Députés sont élus pour un mandat de 5 années au suffrage universel et direct.

Les Députés peuvent démissionner de leur mandat.

Nul ne peut être Député à l'Assemblée Nationale s'il n'est Rwandais, âgé de 21 ans au moins et remplissant les autres conditions prévues par la loi.

UMUTWE WA II.

IBYEREKEYE UBUTEGETSI NSHINGA-TEGEKO.

Ingingo ya 57.

Ubutegetsi Nshinga-tegeko buhuriweho na Perezida wa Repubulika n'Inteko Ishinga Amategeko.

ICYICIRO CYA MBERE:
IBYEREKEYE
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO.

Ingingo ya 58.

Abagize Inteko Ishinga Amategeko bitwa "Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko". Abadepite batorerwa igihe cy'imyaka itanu, batorwa n'abaturage ku buryo butaziguye.

Abadepite bashobora kwegura.

Ntawe ushobora gutorerwa kuba Depite atari Umunyarwanda wujuje nibura imyaka 21 y'ubuvuke kandi wujuje ibindi byangombwa bigenwa n'Itegeko.

.../...

La loi fixe les conditions de l'électorat, le régime des incompatibilités, le nombre des Députés ainsi que les indemnités et autres avantages matériels afférents aux fonctions de Député.

Itegeko ryemeza ibyangombwa bikurikizwa mu itora, ibizirana naryo, umubare w'Abadepite kimwe n'indamunite n'ibindi ngombwa ku mirimo yabo.

Article 59.

Tout mandat impératif est nul; le droit de vote des Députés est personnel.

Ingingo ya 59.

Kirazira guhatira umudepite icyo atangira ijwi; uburenganzira bwo gutanga ijwi abufite ku giti cye.

Article 60.

A l'ouverture de chaque législature, la première séance est consacrée à la prestation de serment des Députés et à l'élection du bureau de l'Assemblée Nationale. Elle est présidée par le Président de la République.

Avant d'entrer en fonction, les Députés prêtent serment devant le Président de la République dans les termes suivants:

Ingingo ya 60.

Bateranye bwa mbere nyuma y'ivugurura ry'ubutegetsi, Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko bararahira kandi bagatora n'abagize Ibiro by'Inteko.
Iyo hama iyoborwa na Perezida wa Repubulika.

Mbere yo gutangira imirimo, Abadepite barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika ku buryo bukurikira:

.../...

"Moi,..., au nom du Dieu Tout-Puissant, je jure à la Nation de remplir loyalement mes fonctions, de garder fidélité à la République Rwandaise et au Chef de l'Etat et de promouvoir les intérêts du peuple rwandais dans le respect de la Constitution et des lois".

"Jyewe,...., ,ku izina ry'Imana ishobora byose, ndahiriye u Rwanda ko nzatunganya imirimo nshinzwe, ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda n'Umukuru w'Igihugu; kandi ko nzaharanira ibyagirira abavuka-rwanda bose akamaro nubahiriza Itegeko-Nshinga n'andi mategeko".

L'Assemblée Nationale constitue son bureau en élisant son Président, ses deux Vice-Présidents et son Secrétaire.

Inteko Ishinga Amategeko ishyiraho ibiro byayo itora mu ibanga Perezida, ba Visi-Perezida babiri na Sekereteri.

Article 61.

L'Assemblée Nationale est dirigée par son Président et, en cas d'empêchement de celui-ci, par l'un des Vice-Présidents.

Ingingo ya 61.

Inteko Ishinga Amategeko iyoborwa na Perezida wayo, yagira ikimubuza ikayoborwa n'umwe mu ba Visi-Perezida.

Article 62.

L'Assemblée Nationale détermine, par son règlement d'ordre intérieur, son organisation et le mode suivant lequel elle exerce ses attributions.

Ingingo ya 62.

Inteko Ishinga Amategeko, ikoresheje amategeko agenga imikorere yayo, ishyiraho imitunganyirize yayo n'uburyo izakurikiza ikora imirimo ishinzwe.

.../...

Article 63.

L'Assemblée Nationale tient, de plein droit, chaque année, deux sessions ordinaires et, lorsque les circonstances l'exigent, des sessions extraordinaires. Les sessions ordinaires s'ouvrent, respectivement, le troisième mardi du mois d'octobre et le troisième mardi du mois d'avril. Toutefois la première année de la législature, la première session ordinaire s'ouvre de plein droit 8 jours après les élections législatives.

L'Assemblée Nationale est convoquée par son Président. Elle peut être convoquée en session extraordinaire, sur l'initiative du Président de la République, de son Président, de la majorité de ses membres ou à la demande du Premier Ministre. Réunie en session extraordinaire, l'Assemblée Nationale ne peut connaître que des affaires qui ont motivé sa convocation.

Ingingo ya 63.

Inteko Ishinga Amategeko igira buri mwaka ku buryo budakuka, ibihembwe bibiri bisanzwe kandi byaba ngombwa igaterana mu bihembwe bidasanzwe. Ibihembwe bisanzwe bitangira, icya mbere kuwa kabiri wa gatatu w'Ukwakira, icya kabiri kuwa kabiri wa gatatu wa Mata. Ariko rero mu mwaka wa mbere w'ivugurura ry'ubutegetsi, igihembwe cya mbere gisanzwe gitangira ku buryo budakuka, hashize iminsi 8 batoye Abadepite.

Inteko Ishinga Amategeko ihamagarwa na Perezida wayo. Ishobora guhamagarwa mu gihembwe kidasanzwe na Perezida wa Repubulika, na Perezida wayo, cyangwa n'ubwiganze bw'abayigize, cyangwa bisabwe na Minisitiri w'Intebe. Mu gihembwe kidasanzwe, Inteko Ishinga Amategeko ntishobora gusuzuma ibindi bibazo bitari ibyo yahamagariwe.

.../...

Article 64.

L'Assemblée Nationale siège dans la Capitale, sauf cas de force majeure.

Est nulle de plein droit, quel qu'en soit l'objet, toute délibération prise sans convocation ni ordre du jour ou tenue hors du temps des sessions ou hors des lieux indiqués sur l'acte de convocation.

Article 65.

Les séances de l'Assemblée Nationale sont publiques; le compte-rendu des débats est publié.

Toutefois, à la demande du Président de la République, de son Président, d'un tiers de ses membres ou du Premier Ministre, l'Assemblée peut, à la majorité absolue, décider de siéger à huis-clos.

Ingingo ya 64.

Inteko Ishinga Amategeko iremera mu Murwa w'Igihugu, keretse bibujijwe n'inzitizi ntarengwa.

Nta gaciro icyemezo icyo ari cyo cyose kigira iyo gifashwe Inteko itahamagawe kandi itateganyirijwe ibyigwa cyangwa iremye mu gihe kitari icy'ibihembwe cyangwa iremeye ahatavuzwe mu nyandiko iyihamagara.

Ingingo ya 65.

Inteko Ishinga Amategeko iremera mu ruhame; inyandiko y'ibiyivugiwemo iratangazwa.

Nyamara ariko, iyo bisabwe na Perezida wa Repubulika, Perezida wayo, 1/3 cy'abayigize cyangwa Minisitiri w'Intebe, inama ishobora, ku bwiganze bw'abarunduye bw'amajwi, kwemeza ko iremera mu muhezo.

.../...

Article 66.

Les Députés ne peuvent être poursuivis ou recherchés à l'occasion des opinions ou votes émis par eux dans l'exercice de leurs fonctions.

Sauf le cas de flagrant délit, les Députés ne peuvent être poursuivis ni arrêtés pour d'autres faits, ni faire l'objet d'une contrainte par corps, qu'avec l'autorisation de l'Assemblée Nationale prononcée au scrutin secret à la majorité des 3/4 de ses membres.

La poursuite ou la détention résultant d'un flagrant délit ou de l'autorisation de l'Assemblée Nationale est suspendue pendant la session si l'Assemblée Nationale le requiert à la majorité de 3/4 de ses membres et au scrutin secret, sauf en cas de condamnation définitive.

Ingingo ya 66.

Abadepite ntibashobora gukurikiranwa cyangwa gushakishwa bazira ibitekerezo bagaragaje cyangwa imitorere yabo mu gihe bakora imirimo bashinzwe.

Uretse igihe bafatiwe mu cyuho, Abadepite ntibashobora gukurikiranwa cyangwa gufatwa bazira ibindi bikorwa cyangwa ngo bafungwe by'ingwatiramubiri, bitemejwe mu ibanga n'Inteko Ishinga Amategeko ku bwiganze bwa 3/4 by'abayigize.

ugukurikiranwa cyangwa gufungwa bitewe no gufatirwa mu cyuho, cyangwa byemewe n'Inteko Ishinga Amategeko, guhagarikwa mu gihe cyose cy'igihembwe cy'inama iyo bisabwe n'Inteko Ishinga Amategeko, ku bwiganze bwa 3/4 bw'abayigize kandi bikorewe mu ibanga, keretse mu gihe hariho igihano cyacoiwe n'urukiko ku buryo budasubirwaho.

.../...

Les Députés sont justiciables de la Cour de Cassation qui statue, chambres réunies, en premier et dernier ressort.

Abadepite baburanishwa n'Urukiko Rusesa Imanza, ingereko zarwo ziteranye, rugaca urubanza rurubimbuye kandi ku buryo budasubirwaho.

Article 67.

Aucun Député ne peut être déchu de ses fonctions s'il n'est frappé d'une cause d'inéligibilité.

Le cas échéant, la déchéance est de plein droit et elle est constatée par le Conseil d'Etat à la requête du bureau de l'Assemblée Nationale ou du Gouvernement.

Ingingo ya 67.

Nta mudepite ushobora gukurwaho hatabonetse impamvu y'ibuzatorwa.

Iyo impamvu igaragaye akurwaho nta shiti byerekanywe n'Urukiko rw'Inama ya Leta rubisabwe n'ibiro by'Inteko Ishinga Amategeko cyangwa na Guverinoma.

Article 68.

Lorsqu'un Député est nommé au Gouvernement ou à toute autre fonction publique, et qu'il l'accepte, il cesse immédiatement de siéger et est remplacé par son suppléant.

Ingingo ya 68.

Iyo Umudepite abaye Minisitiri cyangwa ahawe undi murimo wa Leta kandi akabyemera, icyo gihe aherako ahagarika imirimo ye y'ubudepite agasimburwa n'uwakurikiyeho mu majwi.

.../...

Il reprend ses fonctions dès que les causes d'incompatibilité ont disparu et pour autant que la législature pour laquelle il a été élu est toujours en cours.

Asubirana imirimo ye y'ubudepite, impamvu zimubuza kubangikanya imirimo zikivaho kandi ari uko manda yatorewe itari yarangira.

Aucun Député ne peut profiter de ses fonctions pour acquérir ou aliéner une propriété de l'Etat, ni échanger une propriété personnelle contre une propriété de l'Etat.

Nta mudepite ushobora kwitwaza imirimo ashinzwe kugira ngo yiyegurire cyangwa yegurire undi wese ikintu cyo mu mutungo wa Leta. Ntashobora kandi kugurana ikintu cyo mu mutungo we icyo mu mutungo wa Leta.

.../...

SECTION II.

DE L'ELABORATION DES LOIS.

Article 69.

Le pouvoir législatif s'exerce par voie de lois.

La loi intervient souverainement en toute matière; en aucun cas, les règlements ne peuvent contrevenir aux dispositions de la loi.

Article 70.

En cas d'urgence ou lorsque l'Assemblée Nationale se trouve dans l'impossibilité de siéger, le Président de la République légifère momentanément par voie de décrets-lois pris en Conseil des Ministres.

A défaut de confirmation par l'Assemblée Nationale au cours de sa plus prochaine session, les décrets-lois perdent toute force obligatoire.

ICYICIRO CYA II.

IBYEREKEYE ISHYIRWAHO RY'AMATEGEKO.

Ingingo ya 69.

Ubutegetsi Nshinga-Tegeko bukoreshwa hashyirwaho amategeko.

Itegeko rigenga byose ku buryo butavuguruzwa; nta na rimwe amabwiriza ashobora kuvuguruza itegeko.

Ingingo ya 70.

Mu gihe byihutirwa cyangwa Inteko Ishinga Amategeko idashobora guterana, Perezida wa Repubulika ashyiraho by'agateganyo amategeko-teka yemejwe na Guverinoma.

Amategeko-teka igihe atemejwe burundu n'Inteko Ishinga Amategeko mu gihembwe cyayo gitaha ata agaciro.

.../...

Article 71.

L'initiative des lois appartient concurremment aux Députés et au Président de la République.

Les Députés et le Président de la République ont le droit d'amendement.

Article 72.

Les propositions et amendements formulés par les Députés et dont l'adoption aurait pour conséquence soit une diminution des ressources publiques, soit la création ou l'aggravation d'une charge publique, doivent être assortis d'une proposition d'augmentation des recettes ou des économies équivalentes.

Ingingo ya 71.

Ukwibwiriza gushyiraho amategeko guhuriweho n'Abadepite na Perezida wa Repubulika.

Abadepite na Perezida wa Repubulika bafite uburenganzira bwo gutanga ubugororangingo ku mishinga y'amategeko.

Ingingo ya 72.

Imishinga y'amategeko n'igorora ryayo bikozwe n'Abadepite amiko bikaba byatuma mu gihe bysmejwe, umutungo w'Igihugu ututba cyangwa bikaba byabera Igihugu umutwaro, bigomba kuba bishyigikiwe n'igaragaza ry'inzira yongera ibyo Leta yinjiza cyangwa izigama ku buryo bweyirinda igihombo.

.../...

Article 73.

Les lois sont votées à la majorité absolue des Députés composant l'Assemblée Nationale; les lois auxquelles la Constitution confère le caractère de lois organiques sont votées à la majorité des 3/5. Il ne peut être dérogé par une loi aux dispositions d'une loi organique.

Nulle loi ne peut être adoptée qu'après avoir été votée article par article.

Les votes sont émis à haute voix ou par assis et levé; sur l'ensemble d'une loi, il est toujours voté par appel nominal et à haute voix. Le vote se fait au scrutin secret lorsqu'il est fait état de personnes et dans les cas déterminés par le règlement d'ordre intérieur.

Ingingo ya 73.

Amategeko yemezwa iyo abonye amajwi y'ubwiganze burunduye bw'abadepite bagize Inteko Ishinga Amategeko; amategeko Itegeko-Nshinga ryita amategeko-ngenga yemezwa iyo abonye amajwi y'ubwiganze bwa 3/5. Nta na rimwe itegeko rivuguruza itegeko-ngenga.

Nta tegeko rishoborá kwemezwa buri ngingo yaryo idacishijwe mu majwi.

Batora bavuga mu ijwi riranguruye cyangwa bamwe bivaye abandi bahagurutse; kwemeza itegeko uko ryakabaye iteka bicishwa mu majwi buri wese ahamagawe mu izina rye. Itora riba mu ibanga iyo ibyo biga byerekeye abantu ku giti cyabo no ku bindi bitegenijwe n'amategeko agenga imikorere y'inama.

.../...

Article 74.

L'urgence pour l'examen d'une proposition ou d'un projet de loi peut être demandée par un Député ou par le Président de la République.

Lorsqu'elle est demandée par un Député, l'Assemblée Nationale se prononce sur cette urgence.

Lorsqu'elle est demandée par le Président de la République, elle est toujours accordée.

Dans tous les cas où l'urgence est accordée, l'examen de la loi qui en est l'objet a priorité sur l'ordre du jour.

Article 75.

Avant leur promulgation, les lois et les décrets-lois sont obligatoirement transmis à la Cour Constitutionnelle qui se prononce dans la huitaine ou,

Ingingo ya 74.

Kwihutisha gusuzuma umushinga w'itegeko, bishobora gusabwa n'Umudepite cyangwa Perezida wa Repubulika.

Iyo bisabwe n'Umudepite, Inteko Ishinga Amategeko itanga icyemezo cyayo kuri ubwo bwihutirwe.

Iyo bisabwe na Perezida wa Repubulika iteka birahmerwa.

Igihe cyose byemewe, iryo suzuma ribanziriza ibindi biteguriwe kwigwa.

Ingingo ya 75.

Mbere y'uko hategekwa ko akurikizwa, amategeko n'amategeko-teka agomba kohererezwa Urukiko Rurinda Iremezo ry'Itegeko-Nshinga, rukemeza mu minsi munani,

.../...

en cas d'urgence; dans les quatre jours, sur leur constitutionnalité.

Si la Cour prononce un arrêt d'inconstitutionnalité, elle retourne le texte, selon le cas, à l'Assemblée Nationale ou au Président de la République.

Article 76.

L'Assemblée Nationale vote les lois de finances qui déterminent les ressources et les charges de l'Etat dans les conditions prévues par une loi organique.

Tout transfert budgétaire doit être autorisé par une loi.

niba ayo mategeko atanyuranije n'Itegeko-Nshinga, cyangwa mu gihe byihutirwa, rukabyemeza mu minsi ine.

Iyo Urukiko rwemeje ko hariho ibinyuranyije n'Itegeko-Nshinga, rusubiza Inteko Ishinga Amategeko itegeko rwari rwashyikirijwe, ryaba itegeko-teka, rukarisubiza Perezida wa Repubulika.

Ingingo ya 76.

Inteko Ishinga Amategeko itora amategeko agenga imari yerekana umutungo wa Leta n'ikoreshwa ryawo mu buryo bwateganijwe n'itegeko-ngenga.

Kugira icyo uhindura ku miterere y'ingengo y'imari bigomba iteka kwemezwa n'itegeko.

.../...

Article 77.

Chaque année, l'Assemblée Nationale arrête la loi des comptes et vote le budget en équilibre dont le projet est déposé avant l'ouverture de la première session ordinaire.

S'il n'a pas été voté quarante jours après l'ouverture de la première session ordinaire ou s'il n'a pas été voté en équilibre, le projet de budget est adopté par voie de décret-loi au plus tard le 31 janvier de l'année de son exécution.

Si le projet de budget d'un exercice donné n'a pas été déposé en temps utile pour être voté et promulgué avant le début de cet exercice,

Ingingo ya 77.

Buri mwaka, Inteko Ishinga Amategeko ishyiraho itegeko ryemera uko imikoreshereze y'imari yagenze kandi ikemeza ingengo y'imari ku buryo imari isohoka itarenga iyinjira ikurikije umushinga w'ingengo y'imari yashyikirijwe mbere y'igihembwe cyayo cya mbere.

Iyo umushinga w'ingengo y'imari utemejwe mu minsi 40 ikurikira umunsi w'itangiza ry'igihembwe cya mbere gisanzwe cyangwa se ukaba waremejwe ku buryo ibisohoka biruta ibyinjira, ingengo y'imari yemezwa na Perezida wa Repubulika, akoresheje Itegeko-Teka bitarenze itariki ya 31 Mutarama y'umwaka izakoreshwamo.

Iyo umushinga w'ingengo y'imari utashyikirijwe igihe Inteko Ishinga Amategeko kugira ngo iyemeze kandi itangire gukoreshwa mu ntangiriro y'umwaka igomba gukoreshwamo,

.../...

le Premier Ministre, après autorisation de l'Assemblée Nationale, propose l'ouverture par arrêté présidentiel délibéré en Conseil des Ministres, des douzièmes provisoires sur base du budget de l'exercice écoulé. Le même arrêté présidentiel autorise la perception des recettes conformément aux lois qui les régissent. Il en sera ainsi chaque mois jusqu'à l'adoption du budget.

Minisitiri w'Intebe, amaze kubyemererwa n'Inteko Ishinga Amategeko asaba ko, hakoreshejwe Iteka rya Perezida wa Repubulika ribanza kwigwa mu nama ya ba minisitiri, hakwemezwa by'agateganyo amafaranga akoreshwa mu mirimo ya Leta atarenze 1/12 cy'ingengo y'imari y'umwaka ushize. Iryo teka rya Perezida ritanga kandi uburenganzira bwo kwinjiza amafaranga mu isanduku ya Leta hakurikijwe amategeko ayateganya. Bikorwa bityo buri kwezi kugeza igihe ingengo y'imari itorewe.

Article 78.

Aucune imposition ne peut être établie, modifiée ou supprimée que par une loi; nulle exemption ou modération ne peut être accordée que dans les cas prévus par la loi.

Ingingo ya 78.

Nta musoro ushobora gushyirwaho, guhindurwa cyangwa gukurwaho bidashingiye ku itegeko; ntawe ushobora gusonerwa umusoro cyangwa kuwugabanirizwa bidashingiye ku mpamvu zateganijwe n'itegeko.

.../...

Aucun monopole ne peut être accordé que par la loi et pour une durée déterminée.

Nta gahazo gashobora gutangwa bidaturutse ku itegeko kandi gatégekerwa igihe kamara.

Article 79.

L'interprétation authentique des lois n'appartient qu'au pouvoir législatif.

Ingingo ya 79.

Gusobanura amategeko ku buryo butavuguruzwa bihariwe ubutegetsi nshingamategeko.

.../...

CHAPITRE III.

DES RAPPORTS ENTRE L'ASSEMBLEE NATIONALE ET LE GOUVERNEMENT.

Article 80.

Le Président de la République et le Premier Ministre doivent être informés de l'ordre du jour des séances de l'Assemblée Nationale et de ses commissions.

Le Premier Ministre, les Ministres et Secrétaires d'Etat peuvent, s'ils le désirent, assister aux séances de l'Assemblée Nationale; ils y prennent la parole chaque fois qu'ils en expriment le désir; ils peuvent, le cas échéant se faire accompagner des techniciens de leur choix.

Article 81.

Les moyens d'information et de contrôle de l'Assemblée Nationale à l'égard de l'action gouvernementales sont:

UMUTWE WA III.

IBYEREKEYE IMIKORANIRE Y'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO NA GUVERINOMA.

Ingingo ya 80.

Perezida wa Repubulika na Minisitiri w'Intebe bagomba kumenyeshwa ibiri ku murongo w'ibyigwa mu Nteko cyangwa muri Komisiyo z'Inteko Ishinga Amategeko.

Minisitiri w'Intebe, ba Minisitiri na ba Sekereteri ba Leta bashobora kuza mu nama igihe babishatse; bahabwa ijambo igihe cyose barisabye; byaba ngombwa bagashobora guherekezwa n'impuguke bihitiyemo.

Ingingo ya 81.

Uburyo Inteko Ishinga Amategeko ikoresha kugira ngo imenye kandi igenzure imikorere ya Guverinoma ni ubu:

.../...

- la question orale;
- la question écrite;
- l'audition en commission;
- la commission d'enquête;
- l'interpellation.

Une loi organique en fixe les conditions et la procédure d'application.

Article 82.

L'Assemblée Nationale peut mettre en cause la responsabilité du Gouvernement ainsi que celle d'un ou plusieurs Ministres ou Secrétaires d'Etat par le vote d'une motion de censure.

Une telle motion n'est recevable qu'après l'interpellation et que si elle est signée par 1/5 au moins des membres de l'Assemblée Nationale pour le cas d'un Ministre ou Secrétaire d'Etat et par 1/3 pour le cas du Gouvernement.

.../...

- kubaza mu magambo;
- kubaza mu nyandiko;
- kubariza muri Komisiyo;
- Komisiyo y'igenzura;
- kubarizwa mu ruhame;
- rw'Inteko.

Itegeko-ngenga ryerekana ibigomba gukurikizwa n'inzira inyurwamo mu ikoreshwa ry'ubwo buryo.

Ingingo ya 82.

Inteko Ishinga Amategeko ishobora kugaya imikorere ya Guverinoma, iy'umwe cyangwa ya benshi mu ba Minisitiri cyangwa abasekereteri ba Leta ikoresheje itora ry'icyemezo cyo kwegura.

Ubwo bwoko ntibushoborà gukoreshwa iyo ugawa atabanje kubazwa mu ruhame rw'Inteko kandi uko gusaba ko yakwegura kukaba kwashyigweho umukono nibura na 1/5 by'abagize Inteko Ishinga Amategeko iyo bisabirwa abaminisitiri cyangwa abasekereteri ba Leta na 1/3 nibura cy'abagize Inteko iyo bisabirwa Guverinoma.

Le vote ne peut avoir lieu que quarante-huit heures au moins après le dépôt de la motion, et celle-ci ne peut être adoptée qu'au scrutin secret et à la majorité absolue des Députés.

Gutora icyemezo cyo kwegura ntibishobora gukorwa hadashize byibura amasaha mirongo ine n'umunani kuva icyo cyemezo gisabwe kandi cyemezwa gusa n'itora ribereye mu ibanga no ku bwiganze burunduye bw'abadepite.

La clôture des sessions ordinaires ou extraordinaires est de droit retardée pour permettre, le cas échéant, l'application des dispositions du présent article.

Gusoza ibihembwe bisanzwe cyangwa ibidasanzwe birasubikwa bitagira kibuza, kugira ngo bibaye ngombwa, ibiteganyijwe muri iyi ngingo bishobore gukurikizwa.

Article 83.

Ingingo ya 83.

Lorsqu'une motion de censure est adoptée contre un Ministre ou Secrétaire d'Etat, celui-ci est tenu de présenter sa démission au Président de la République.

Iyo Minisitiri cyangwa Sekereteri wa Leta afatiwe icyemezo cyo kwegura n'Inteko Ishinga Amategeko, ahita yandikira Perezida wa Repubulika asezera.

Lorsque cette motion est adoptée contre le Gouvernement, le Premier Ministre présente la démission de celui-ci au Président de la République.

Iyo icyo cyemezo cyafatiwe Guverinoma, Minisitiri w'Intebe ahita ashyikiriza Perezida wa Repubulika iyegura ryayo.

.../...

Si la motion de censure est rejetée, ses signataires ne peuvent en présenter une nouvelle au cours de la même session.

Iyo itora ritemejo ko ugawa yegura, abashyize umukono ku nyandiko ibisaba ntibemerewe kongera kubisaba muri icyo gihembwe.

Article 84.

La Cour des Comptes est chargée de l'examen, de la liquidation et de l'arrêté des Comptes de tous les services publics.

Elle soumet à l'Assemblée Nationale un rapport sur la régularité du compte général de l'Etat.

La Cour des Comptes est organisée par une loi organique.

Ingingo ya 84.

Urukiko Rushinzwe Imari rusuzuma imikoreshereze y'ingengo y'Imari mu nzego zose z'imirimo ya Leta, rukemeza kandi rugahamya uko iyo mikoreshereze yarangiye.

Rushyikiriza Inteko Ishinga Amategeko raporo yerekeye imitunganire y'imikoreshereze y'ingengo yose ya Leta.

Urukiko Rushinzwe Imari rutunganywa n'Itegekongenga.

Article 85.

Le Président de la République peut, après consultation du Conseil des Ministres et du Bureau de l'Assemblée Nationale,

Ingingo ya 85.

Perezida wa Repubulika, amaze kumva icyo Inama ya Guverinoma na Biro y'Inteko Ishinga Amategeko, bibitekerezaho,

.../...

prononcer la dissolution de l'Assemblée Nationale; il ne peut, cependant, au cours de son mandat, prononcer une deuxième dissolution sans que celle-ci entraîne sa propre démission.

ashobora gusesa Inteko Ishinga Amategeko; ariko kandi ntashobora kuyisesa bwa kabiri muri manda ye ngo byoye gutuma nawe ubwe yegura.

Les élections législatives ont lieu dans les 90 jours, conformément à l'article 58.
Le cas échéant, l'élection du Président de la République a lieu dans les 90 jours, conformément à l'article 40.

Iyo bigenze bityo, itora ry'abadepite riba mu minsi 90, hakurikijwe ingingo ya 58.
Byaba ngombwa kandi, itora rya Perezida wa Repubulika rikaba mu minsi 90 hakurikijwe ibiteganijwe n'ingingo ya 40.

L'Assemblée Nationale ne peut être dissoute pendant l'exercice des pouvoirs exceptionnels cités à l'article 48.

Inteko Ishinga Amategeko ntishobora guseswa mu bihe bidasanzye byateganijwe mu ngingo ya 48.

.../...

CHAPITRE IV.

DU POUVOIR JUDICIAIRE.

Article 86.

Le pouvoir judiciaire est exercé par les cours, tribunaux et autres juridictions; il est indépendant du pouvoir législatif et du pouvoir exécutif.

Le Président de la République est garant de l'indépendance du pouvoir judiciaire.

La justice est rendue au nom du peuple.

Article 87.

Les Magistrats sont nommés et révoqués par le Président de la République sur proposition du Ministre de la Justice et après avis conforme du Conseil Supérieur de la Magistrature.

UMUTWE WA IV.

IBYEREKEYE UBUTEGETSI BW'UBUCAMANZA.

Ingingo ya 86.

Ubutegetsi bw'ubucamanza bukoreshwa n'inkiko izo arizo zose nkuru n'intoya; butandukanye n'ubutegetsi nshinga-tegeko n'ubutegetsi nyubahiriza-tegeko.

Perezida wa Repubulika ni we urengera ubwigenge bw'ubutegetsi bw'ubucamanza.

Imanza zicibwa mu izina ry'abaturage.

Ingingo ya 87.

Abacamanza bashyirwaho kandi bakurwaho na Perezida wa Repubulika abisabwe na Minisitiri w'Ubutabera kandi byemewe n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

.../...

Le Conseil Supérieur de la Magistrature est composé des magistrats élus par leurs pairs suivant les modalités prévues par une loi organique. Le Ministre de la Justice en est membre de droit.

Lors de la première séance, présidée par le Président de la République, le Conseil Supérieur de la Magistrature élit en son sein son Président, son Vice-Président et son rapporteur.

Une loi organique détermine les règles de compétence, d'organisation et de fonctionnement du Conseil Supérieur de la Magistrature.

Article 88.

Les juridictions de l'ordre judiciaire suivantes sont reconnues et consacrées par la présente Constitution: les tribunaux de canton, les tribunaux de première instance, les cours d'appel et la Cour de Cassation.

Inama Nkuru y'Ubucamanza igizwe n'abacamanza batorwa na bagenzi babo mu buryo buteganywa n'itegeko-ngenga. Minisitiri w'Ubutabera afite nta shiti intebe muri iyo Nama.

Iteranya bwa mbere kandi iyobowe na Perezida wa Repubulika, Inama Nkuru y'Ubucamanza yitoramo Perezida, Visi-Perezida n'umwanditsi bayo.

Itegeko-ngenga rigena ububasha, imitunganyirize n'imikorere y'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Ingingo ya 88.

Inkiko zikurikira z'urwego rw'Ubucamanza zemewe kandi zihamijwe n'iri Tegeko-Nshinga: inkiko za kanto, inkiko za mbere z'iremezo, inkiko z'ubujurire n'Urukiko Rusesa Imanza.

.../...

Sauf exceptions prévues par la loi, la Cour de Cassation ne connaît pas du fonds des affaires.

Uretse ibiteganywa n'amategeko bivuguruza ibi, Urukiko Rusesa Imanza ntirusuzuma iremezo ry'imanza.

Article 89.

S'il en est saisi, le Conseil d'Etat est compétent pour donner un avis motivé sur le texte de toutes propositions de loi, ou de tous projets de loi, de tous amendements à ces propositions ou projets, et de tous projets de décret-loi, ainsi que de tous projets d'arrêté d'exécution. Il peut proposer les modifications de rédaction qu'il juge nécessaires.

Ingingo ya 89.

Iyo rubisabwe, Urukiko rw'inama ya Leta rufite ububasha bwo kuvuga icyo rutekereza, rugaragaza n'aho rushingiye, ku mishinga yose y'amategeko ku nyandiko z'ubugororangingo kuri iyo mishinga, ku mishinga y'amategeko-teka no ku mishinga y'amateka nyubahiriza-tegeko. Rufite uburenganzira bwo kwerekana uburyo bwo kunonosora izo nyandiko.

Le Conseil d'Etat connaît des recours en annulation, formés contre les règlements, arrêtés et décisions des autorités administratives; il contrôle la régularité des consultations populaires.

Urukiko rw'Inama ya Leta rusuzuma ubujurire bwo gukuraho amaowiriza, amateka n'ibyemezo byafashwe n'abategetsi; rugenzura niba amatora akorwa ku buryo buhuje n'amategeko.

Le Conseil d'Etat est organisé par une loi organique.

Urukiko rw'Inama ya Leta rutunganywa n'Itegeko-ngenga.

.../...

Les juridictions administratives inférieures sont créées et organisées par une loi organique.

Article 90.

La Cour Constitutionnelle, composée de la Cour de Cassation et du Conseil d'Etat réunis, est chargée de contrôler la Constitutionnalité des lois et des décrets-lois; elle est seule compétente pour prononcer la démission d'office du Président de la République dans les conditions prévues par l'article 46.

Article 91.

Il ne peut être institué d'autres juridictions que par une loi organique.

L'organisation et la compétence de toute juridiction sont définies par une loi organique.

Inzego zo hazi z'inkiko z'ubutegetsi zishyirwaho kandi zitunganywa n'itegeko-ngenga.

Ingingo ya 90.

Urukiko Rurinda Iremezo ry'Itegeko-Nshinga, rugizwe n'Urukiko Rusesa Imanza n'Urukiko rw'Inama ya Leta, zombi ziteranye, rushinzwe kugenzura niba amategeko n'amategeko-teka atanyuranije n'Itegeko-Nshinga; nirwo rwonyine rufite ububasha bwo kwemeza bidakuka ivanwaho rya Perezida wa Repubulika hakurikijwe ingingo ya 46.

Ingingo ya 91.

Nta zindi nkiko zishobora kujyaho zidashyizweho n'Itegeko-Ngenga.

Imitunganyirize n'ububasha by'urukiko urwo arirwo rwose bisobanurwa n'itegeko-ngenga.

.../...

Article 92.

Nul ne peut être distrait, contre son gré, du juge que la loi lui assigne.

Ingingo ya 92.

Nta muntu ushobora kubuzwa, ku gahato, kuburanira imbere y'umucamanza itegeko rimugenera.

Article 93.

Les audiences des juridictions sont publiques, sauf le huis-clos prononcé par un jugement lorsque cette publicité est dangereuse pour l'ordre public ou les bonnes moeurs.

Ingingo ya 93.

Imanza zo mu nkiko, ziburanishirizwa mu ruhame; keretse habayeho umuhezo wemejwe n'urubanza ruciwe, igihe kuburanishiriza mu ruhame kwatera imidugararo cyangwa kwabangamira umuco w'imbonezabupfura.

Article 94.

Tout jugement ou arrêt est motivé et prononcé en audience publique.

Ingingo ya 94.

Urubanza rwose ruciwe rugaragaza impamvu kandi rusomerwa mu ruhame.

Article 95.

Les juridictions n'appliquent les arrêtés et autres règlements qu'autant qu'ils sont conformes à la Constitution et aux lois.

Ingingo ya 95.

Inkiko zikurikiza amateka n'andi mabwiriza gusa igihe atanyuranije n'Itegeko-Nshinga n'andi mategeko.

.../...

TITRE IV.

DE LA REVISION DE LA CONSTITUTION.

Article 96.

L'initiative de la révision de la Constitution appartient concurremment au Président de la République et à l'Assemblée Nationale.

Aucun projet ou proposition de révision ne peut être pris en considération s'il porte atteinte à la forme républicaine de l'Etat, à l'intégrité du territoire national ou aux principes démocratiques qui régissent la République.

Toute proposition de révision émanant de l'Assemblée Nationale doit être présentée par 2/3 au moins de ses membres.

Toute révision doit être adoptée à la majorité des 3/4 des membres de l'Assemblée Nationale.

.../...

INTERURO YA IV.

IBYEREKEYE IVUGURURWA RY'ITEGEKO-NSHINGA.

Ingingo ya 96.

Ukwibwiriza kuvugurura Itegeko-Nshinga guhuriweho na Perezida wa Repubulika n'Inteko Ishinga Amategeko.

Nta mushinga uwo ari wo wowe wo kuvugurura Itegeko-Nshinga ushobora kwakirwa iyo ugamije gukuraho ubutegetsi bwa Repubulika, gutubya ubutaka bw'Igihugu cyangwa kurwanya amatwara ya demokarasi Repubulika y'u Rwanda igenderaho.

Kugira ngo usuzumwe, umushinga wose wo kuvugurura Itegeko-Nshinga utanzwe n'Abadepite ugomba kuba ushyigikiwe nibura na 2/3 by'abagize Inteko.

Ivugururwa ry'Itegeko-Nshinga rigomba kwemezwa n'ubwiganze bwa 3/4 by'amajwi y'abagize Inteko Ishinga Amategeko.

TITRE V.

DISPOSITIONS GENERALES ET TRANSITOIRES.

Article 97.

Les lois et les règlements ne peuvent entrer en vigueur s'ils n'ont été préalablement publiés dans les conditions déterminées par la loi.

Nul n'est censé ignorer la loi régulièrement publiée.

Article 98.

A partir du jour de la promulgation de la présente Constitution, la législation qui n'y est pas contraire demeure d'application dans la mesure où elle n'est pas modifiée, abrogée ou remplacée par les lois ou règlements nouveaux.

INTERURO YA V.

IBYEREKEYE INGINGO RUSANGE N'IZ'INZIBACYUHO.

Ingingo ya 97.

Amategeko n'amabwiriza ntashobora gutangira gukurikizwa atabanje gutangazwa hakurikijwe ibiteganijwe n'itegeko.

Ntawe ushobora kwitwaza ko atazi itegeko iyo ryatangajwe ku buryo buteganijwe n'amategeko.

Ingingo ya 98.

Kuva ku munsi hazategekwa ko iri Tegeko-Nshinga ritangira gukurikizwa, amategeko, azaba ariho kandi atanyuranije naryo azakomeza gukurikizwa igihe cyose azaba atazi yahinduwa, yakurwaho cyangwa yasimburwa n'amategeko cyangwa amabwiriza mashya.

.../...

La coutume ne demeure applicable que pour autant qu'elle n'ait pas été remplacée par une loi et qu'elle n'ait rien de contraire à la Constitution, aux lois, aux règlements, à l'ordre public ou aux bonnes moeurs.

Umuco w'Igihugu ukomeza gukurikizwa gusa iyo utasimbujwe itegeko kandi ntube unyuranije n'Itegeko-Nshinga, amategeko, amabwiriza, cyangwa ngo ube ubangamiye umutekano wa rubanda cyangwa umuco mboneza-bupfura.

Article 99.

Sans préjudice des dispositions de l'article 41, 56 et 60, aucun serment ne peut être imposé que par une loi qui en détermine la formule et les modalités de prestation.

Ingingo ya 99.

Haseguriwe ibiteganijwe n'ingingo ya 41, iya 56 n'iya 60, nta ndahiro ishobora kurahizwa idateganijwe n'itegeko rishyiraho amagambo yayo n'uburyo irahirwa.

Article 100.

Tout étranger jouit de la protection accordée aux personnes et aux biens ainsi que des droits civils reconnus par la présente Constitution, sauf les exceptions établies par la loi.

Ingingo ya 100.

Umunyamahanga wese afite uburenganzira bwo kurengerwa bwemerewe abantu n'umutungo kimwe n'uburenganzira bw'umuntu ku giti cye bwemewe n'iri Tegeko-Nshinga, keretse mu byo atemerewe n'itegeko.

.../...

Article 101.

Le Président de la République et les Députés au Conseil National de Développement en cours de mandat continueront d'exercer leurs fonctions jusqu'aux prochaines élections présidentielles et législatives.

Les dates de ces élections seront fixées par le Président de la République.

Ingingo ya 101.

Perezida wa Repubulika n'Abadepite mu Nama y'Igihugu Iharanira Amajyambere bariho ubu bazakomeza imirimo yabo kugeza ku matora ataha ya Perezida wa Repubulika n'ay'Inteko Ishinga Amategeko.

Amatariki ayo matora azaberaho azagenwa na Perezida wa Repubulika.

Article 102.

La présente Constitution révise et remplace la Constitution du 20 décembre 1978.

Elle entrera en vigueur le jour de sa promulgation par le Président de la République.

Ingingo ya 102.

Iri Tegeko-Nshinga rivuguruye kandi risimbuye Itegeko-Nshinga ryo ku wa 20 Ukuboza 1978.

Rizatangira gukurikizwa ku munsi uzemezwa na Perezida wa Repubulika.

KIGALI, le 30 mai 1991

KIGALI, kuwa 30 Gicurasi 1991

.../...

Les Députés au Conseil National de Développement:	Abadepite mu Nama y'Igihugu Ihuzabikorwa Amajyambere:
-BALIGIRA Félicien	-BALIGIRA Felisiyani
-BANYANGIRIKI Zacharie	-BANYANGIRIKI Zakariya
-BAPFAKUREKA Jean	-BAPFAKUREKA Yohani
-BARAVUGA Laurent	-BARAVUGA Rawurenti
-BASEBYA Augustin	-BASEBYA Agusitini
-BINIGA Damien	-BINIGA Damiyani
-BIGIRABAGABO Gervais	-BIGIRABAGABO Gerivasi
-BIRARI J.Damascène	-BIRARI Yohani Damaseni
-GAHIMANO Fabien	-GAHIMANO Fabiyani
-GUMIRIZA Eseron-Alexis	-GUMILIZA ELSIRONIalexisi
-HABANABAKIZE Thomas	-HABANABAKIZE Tomasi
-HABIMANA Bonaventure	-HABIMANA Bonayentura
-HABIYAKARE François	-HABIYAKARE Farancisiko
-HANYURWIMFURA Marc	-HANYURWIMFURA Mariko
-JYAMUBANDI Jean Bosco	-JYAMUBANDI Yohani Bosiko
-KABAGENI Vénantie	-KABAGENI Venansiya
-KABURAME Pierre	-KABURAME Petero
-KALIBWENDE Innocent	-KALIBWENDE Inosenti
-KANANURA Jules	-KANANURA Yuli
-KAREMERA Edouard	-KAREMERA Eduwalidi
-KAYONDO Pierre	-KAYONDO Petero
-KINYONI Stanislas	-KINYONI Sitanisilasi
-MANIRAGUHA Lucie	-MANIRAGUHA Lusiya
-MBONABARYI Noël	-MBONABARYI Noheli
-MUGEMANA J.M.Vianney	-MUGEMANA Yohani Mariya V.
-MUKAGATARE Bernadette	-MUKAGATARE Bernadeta
-MUKARURANGWA Bernadette	-MUKARURANGWA Bernadeta
-MUKARWEGO Séraphine	-MUKARWEGO Serafina

.../...

-MUKASAFARI Jeannette	-MUKASAFARI Yohanita
-MULINDANGABO Ambroise	-MULINDANGABO Amborozi
-MUNYARUYENZI Télésphore	-MUNYARUYENZI Telesiforo
-MUSAFILI Ildefonse	-MUSAFILI Ilidefonsi
-MUSHOTSI Grégoire	-MUSHOTSI Gerigori
-NDAGIJIMANA P.Claver	-NDAGIJIMANA Petero K.
-NGENDAHAYO Michel	-NGENDAHAYO Mikayire
-NIYITEGEKA Donatille	-NIYITEGEKA Donatila
-NSAGUYE Fébronie	-NSAGUYE Feboroniya
-NSEKALIJE Aloys	-NSEKALIJE Aloyizi
-NTAGERURA André	-NTAGERURA Andereya
-NTAGUGURA Georges	-NTAGUGURA Jorizi
-NTEZIRYAYO Siméon	-NTEZIRYAYO Simiyoni
-NTIBIHEZWA Paul	-NTIBIHEZWA Pawuro
-NTIBITURA Bonaventure	-NTIBITURA Bonaventura
-NYIRABIZEYIMANA Immaculée	-NYIRABIZEYIMANA Imakulata
-NYIRAHABUFITE Catherine	-NYIRAHABUFITE Gatarina
-NZIRORERA Joseph	-NZIRORERA Yozefu
-RUCAGU Boniface	-RUCAGU Bonifasi
-RUGAMBARARA Juvénal	-RUGAMBARARA Yuvenali
-RUGEMINTWAZA Emmanuel	-RUGEMINTWAZA Emanuweli
-RUGIRA Amandin	-RUGIRA Amandini
-RUHABURA Ladislas	-RUHABURA Ladisilasi
-RUSIMBUKANDE Sébastien	-RUSIMBUKANDE Sebasitiyani
-RUTAHINTARE Camille	-RUTAHINTARE Kamiri
-RUVUGAMA Cyrille	-RUVUGAMA Siriro
-SEBITABI Alphonse-Marie	-SEBITABI Arufonsi-Mariya
-SEKAMONYO Faustin	-SEKAMONYO Fawusitini
-SEYOBOKA Damien	-SEYOBOKA Damiyani
-SIMBA Aloys	-SIMBA Aloyizi
-SINDIKUBWABO Théodore	-SINDIKUBWABO Tewodori
-UKULIKIYEYEZU J.Damascène	-UKULIKIYEYEZU Yohani D.
-UWIMANA Juvénal	-UWIMANA Yuvenali

.../...

- MUKANGWIJE Astérie
- KAYIBANDA Pie
- MPORANYI Joseph

-MUKANGWIJE Asiteriya
-KAYIBANDA Piyo
-MPORANYI Yozefu

.../...

PROMULGUONS LA PRESENTE CONSTITUTION ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE RWANDAISE.

DUTEGETSE KO IRI TEGEKO-NSHINGA RITANGIRA GUKURIKIZWA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.

KIGALI, LE

KIGALI, KUWA

HABYARIMANA Juvénal,
Général-Major.

Vu et scellé du Sceau de la République Rwandaise:

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika y'u Rwanda:

Le Ministre de la Justice,

Minisitiri w'Ubutabera,

NSANZIMANA Sylvestre.